**Abakomiseri ba Komisiyo y’Igihugu y’Amatora baherutse gushyirwaho n’Inama y’Abaminisitiri barahiriye kuzarangiza neza inshingano zabo.**

Mu Rukiko rw'Ikirenga kuri uyu wa gatanu, tariki 11 Mata 2025 habereye Umuhango w'Irahira ry'Abakomiseri ba Komisiyo y’Igihugu y’amatora, baherutse gushyirwaho n’Inama y’Abaminisitiri yo ku itariki 26 Werurwe 2025.

Abarahiye ni

- Madamu GASINZIGWA Oda, Perezida,
- Bwana Habimana Kizito, Visi Perezida,
- Madamu Nyiramadirida Fortunée, Komiseri,
- Madamu Mutimukeye Nicole, Komiseri
- Madamu Umwali Carine, Komiseri
- Bwana Semanywa Faustin, Komiseri
- Madamu Uwera Kabanda Françoise, Komiseri na
- Madamu Mbabazi Judith, Komiseri.

Mu ijambo yavuze mu muhango w’irahiza ry’abakomiseri bashya, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Madamu MUKANTAGANZWA Domitille yibibukije ko nk’uko biteganyijwe mu ngingo ya 15 y’Itegeko n° 043/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y’Igihugu y’Amatora, mbere yo gutangira imirimo bashinzwe, Abakomiseri barahirira imbere y’Urukiko rw’Ikirenga indahiro iteganywa n’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda, mu ngingo yaryo ya 63.

Yashimiye Komisiyo y’’Igihugu y’amatora kubyo imaze gukora kugeza ubu, cyane cyane kuba yarateguye ikanayobora amatora ya Perezida wa Repubulika n’ay’abagize Inteko Ishinga Amategeko yabaye mu mwaka ushize wa 2024 abanyarwanda bakayishimira.

Yasabye abarahiye kuzakorera hamwe, kujya no kugisha inama, abagira inama yo guhora bazirikana kubazwa inshingano kuko ari rimwe mu mahame y’ingenzi agenga imiyoborere y’Igihugu cyacu.

Abakomiseri barahiye uyu munsi baje gukora mu buryo buhoraho, nk’uko Itegeko rishya rigenga Komisiyo y’Igihugu y’amatora ribiteganya.